**REPUBULIKA Y'U RWANDA** Burera, kuwa 03/10/2019

**INTARA Y'AMAJYARUGURU** **N⁰** 12/02.0404/02

**AKARERE KA BURERA**

**INAMA NJYANAMA Y'AKARERE**

Province du Nord
Pour réception
Date: 04 OCT 2019

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, **MUSANZE**

**Impamvu:** Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 28/09/2019

Bwana,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mboherereze ku mugereka wayo imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 28/09/2019 hamwe n'inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 28/06/2019, ikemezwa kuwa 28/09/2019 imaze gukorwa ubugororangingo.

Mugire amahoro.

**Dr HABINEZA Faustin**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera

**Bimenyeshejwe:**

- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka **BURERA**
- Bwana Umuyobozi wungirije w'Akarere ka **BURERA** (Bombi)
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka **BURERA**

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA BURERA YATERANYE TARIKI YA 28 NZERI 2019.**

Kuwa gatandatu tariki ya 28/09/2019, Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateraniye ku buryo busanzwe mu cyumba cy'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera, itangira imirimo yayo saa saba (13H00), iyoborwa na Visi Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera Bwana NZABANITA Jean Claude. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 26 kuri 33 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Burera.

**I. ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA:**

1. CYAMBAZA Gédéon
1. DUKUNDIGENA Arsène
2. DUSABEYEZU Désiré
3. DUSENGIMANA Honorine
4. DUSHIMEMARIYA Gertrude
5. HATEGEKIMANA Innocent
6. MANIRAFASHA Jean de la Paix
7. MANIRAFASHA Léonie
8. MUGISHA Justin
9. MUGISHA Esther
10. MUJAWAMARIYA Marguerite
11. MUJAWAYEZU Léonie
12. MUJYANAMA Alexis
13. MUKARULINDA Victoire
14. MUNYANEZA Joseph
15. MURAGIJIMANA Dévotha
16. NDAYAMBAJE Théoneste
17. NIKWIGIZE Phocas
18. NIWEWANJYE Yvette
19. NIZEYIMANA Vestine
20. NSENGIMANA Thomas
21. NSHIMIYIMANA Elie Gaston
22. NTABARESHYA Jean Baptiste
23. NZABANITA Jean Claude
24. UMUHOZA Delphine
25. ZIKORA Bernard
26. NYIRAMAHIRWE Jeanne d'Arc

## II. ABATITABIRIYE INAMA KU MPAMVU ZIZWI:

1. Dr HABINEZA Faustin
2. UWAMBAJEMARIYA Florence
3. NIWEWANJYE Yvette
4. GASOROMANTEJA Sylvanie
5. UWAMAHORO Solange

## III. ABATITABIRIYE INAMA KU MPAMVU ZITAZWI:

1. KABENGERA Wellars
2. BWENGE Désiré

## IV. INGINGO ZASUZUMWE:

1. Gusuzuma no kwemeza inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 28/06/2019;
2. Gusuzuma no kwemeza raporo y'Inama y'Abaperezida y'igihembwe cya mbere 2019-2020;
3. Gusuzuma raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Burera igihembwe cya mbere 2019-2020
4. Ibinyuranye:

- Kwemeza irangira ry'igihe cy'igeragezwa (probation period) ku MunyamabangaNshingwabikorwa w'Akarere ka Burera
- Gusuzuma ibaruwa y'Umuyobozi w'Akarere ka Burera isaba kwemeza amafaranga yo guhemba Umugenzuzi w'igenga (External Independent Auditor ) kuri BCT
- Ikibazo cy'ibirarane by'abahoze ari abarimu mu Karere ka Burera aho kigeze gikemurwa

## V. UKO INAMA YAGENZE

| INGINGO ZASUZUMWE | IMYANZURO YAFASHWE |
|---|---|
| 1. Gusuzuma no kwemeza inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 28/06/2019; | **Umwanzuro wa 1:**<br>✓ Nyuma yo gusuzuma no gukorera ubugororangingo inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 28/06/2019, abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera, ku bwumvikane busesuye bayemeje; |
| 2. Gusuzuma no kwemeza raporo y'Inama y'Abaperezida y'igihembwe cya mbere 2019-2020; | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze gusuzuma raporo y'Inama y'Abaperezida y'igihembwe cya mbere umwaka wa 2019-2020, ku bwumvikane busesuye bemeje ibi bikurikira:<br><br>**Umwanzuro wa 2:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa guhuriza mu gakiriro abakora umwuga wo gusudira bose bo mu Mirenge ya CYANIKA, RUGARAMA na KAGOGO. Irasabwa kandi kubwira Ubuyobozi bw'iyo Mirenge kujya bushakira imirimo Koperative COSOBU ikorera mu gakiriro ka Burera.<br><br>**Umwanzuro wa 3:**<br>✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera ihinduye umwanzuro wa 29 w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yo kuwa 31/3/2014 uvuga ko ikibazo cyo kwimura Police/Station Cyanika ku buryo buhoraho kigomba gukemuka bidasabye |

Akarere ingengo y'imari. Ibyo bikaba biha uburenganzira Akarere ka Burera bwo gutanga uruhare rwako ku nyubako ya Police/Station Cyanika nk'uko byasabwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Burera mu ibaruwa N$^{0}$ 879/07.04.04/00 yo kuwa 22/11/2018.

**Umwanzuro wa 4:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera ishingiye ko Police/Station ya Butaro aho yakoreraga hagiye kwagurirwa ibitaro bya Butaro bizaba ibitaro bya Kaminuza, ishingiye kandi ko hakenewe umutekano usesuye, irasabwa gukorera Inama Njyanama y'Akarere ka Burera inyandiko ikubiyemo ibyo byose byavuzwe haruguru kandi inagaragaza uburyo Akarere kazatanga ingurane ingana na Ha 2 z'ahazubakwa Police/Station ya Butaro.

**Umwanzuro wa 5:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kujya yorohereza abakozi bo mu Mirenge bakurikirana ibikorwa bitandukanye bya VUP bagahabwa amafaranga y'urugendo bakoresheje bakurikirana ibyo bikorwa (Monitoring and evaluation).

**Umwanzuro wa 6:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gusuzuma ubusabe bwa Madamu KAYITESI Julienne, CEO BYIZA LODGE usaba ubutaka bwo kwaguriraho ibikorwa bya BYIZA LODGE.

**Umwanzuro wa 7:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gutegura neza ikipe y'abakinnyi basiganwa ku magare, ugafatwa nk'umukino wihariye mu Karere ka Burera ugomba gushyirwamo imbaraga, kandi hakajya hakoreshwa amarushanwa byibuze rimwe mu gihembwe.

**Umwanzuro wa 8:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irongera gusabwa gushyiraho ibibuga by'imikino aho bishoboka mu Mirenge yose igize Akarere ka Burera hakitabwa cyane cyane ku kibuga cya Kirambo kiri mu Murenge wa Rusarabuye cyatunganywa neza ku buryo cyajya gikoreshwa nta mbogamizi gifite, ikibuga cya Gatebe cyahanzwe n'umuganda w'abaturage cyakongerwaho imbaraga kikanozwa kuburyo cyakoreshwa, ikibuga cyo mu Murenge wa Ruhunde hashyirwamo imbaraga kigakorwa neza bityo kikajya kiberaho imikino, ikibuga cy'umupira w'amaguru cya Cyanika cyatunganywa kigashyirwaho amazamu ahoraho ndetse hagatunganywa mu mpande zacyo no mu kibuga hagati.

**Umwanzuro wa 9:**

- ✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yemeje ko MUSABYIMANA Beatrice wo mu Murenge wa Rusarabuye, Akagari ka Ndago akurirwaho umwenda w' imisoro yishyuzwa n'ikigo cy'igihugu cy' imisoro n'amahoro (RRA) kandi akanahagarikirwa gukomeza kubarirwa iyo misoro kuko atishoboye abarizwa mu cyiciro

cya mbere cy'ubudehe.

**Umwanzuro wa 10:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gushakira MUSABYIMANA Beatrice aho gutura kuko ntaho afite kandi akajya ahabwa imirimo y'amaboko muri VUP ihemberwa kuko afite imbaraga.

**Umwanzuro wa 11:**

- ✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yemeje ko Madamu NYIRAMUGISHA Verene wo mu Murenge wa Rugengabari akurirwaho imisoro yaciwe ku bucuruzi ahuriyeho n'umugabo we kandi umugabo we akaba atanga imisoro.Yanahagarikirwa no gukomeza kubarirwa umusoro.

**Umwanzuro wa 12:**

- ✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yemeje ko Bwana MUGIRANEZA Faustin wo mu Murenge wa Cyeru akurirwaho imisoro y'ubutaka bufite UPI 4/04/03/28 kuko atakibutunze nyuma y'uko bushizwemo umuhanda w'umugenderano mu nyungu z'abaturage.

**Umwanzuro wa 13:**

- ✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yemeje ko Bwana RWIKANGURA Augustin wo mu Murenge wa Kinoni akurirwaho imisoro ijyanye n'imirimo y'ubucuruzi yabariwe na RRA ku nzu iri muri centre y'ubucuruzi ya Nyanga kuko atigeze akoreramo iyo mirimo, agakomeza

kwishyura imisoro y'ubukode bw'ubutaka butuweho kugeza igihe itegeko rishya ry'imisoro ku mitungo itimukanwa rizatangira kubahirizwa.

**Umwanzuro wa 14:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera ka BURERA irasabwa kwihutira gushyira ibikorwaremezo by'amazi, amashyanyarazi n'imihanda mu mujyi wa RUSUMO kugira ngo abaturage barusheho kwitabira gutura muri uwo mujyi; gushyiraho gahunda y'ibikorwa (action plan) ku bikorwaremezo biteganywa kubakwa mu mujyi wa RUSUMO kandi bikajya bishyirwa mu ngengo y'imari y'Akarere mu gihe byateganyirijwe hakihutishwa cyane igikorwa cyo gukata ibibanza by'ahazaturwa no gutera imbago ahagenewe buri gikorwa. Irasabwa kandi gukora ikarita igaragaza umujyi wa RUSUMO, igashyirwa ku biro by'umurenge wa BUTARO aho igaragarira abaturage benshi.

**Umwanzuro wa 15:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gusaba Ubuyobozi bwa Mini ya Bugarama kwimura inzu ababyeyi bakora muri Mini basigamo abana bato (bonka) kuko aho iyi nzu isanzwe hegereye imirimo bikaba bishobora kubangamira ubuzima bw'abo bana. Irasabwa kandi gusaba Ubuyobozi bwa Mine Bugarama kujya bugira uruhare mu gusana inzu z'abaturage zangirika kubera intambi baturitsa bacukura.

**Umwanzuro wa 16:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gusubiza abaturage bo mu Murenge wa Kinyababa, Akagari ka Musasa, Umudugudu wa Murambo bandikiye Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera basaba ingurane ku butaka batanze ngo bwubakweho amashuri ko hashingiwe ku Itegeko-Teka N° 21/79 ryo kuwa 23 Nyakanga 1979 ingingo ya 19 rivuga ko kurihwa bikorwa ku mazu, ibihingwa n'ibindi byakozwe ku mutungo wanditse cyangwa utanditse; bityo nta ngurane bahabwa kuko nta bikorwa bari bafite kuri ubwo butaka.

**Umwanzuro wa 17:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gukemura bitarenze Ukwakira 2019 ikibazo cya KANYABUGANDE Moise n'Itorero ry'abametodisiti mu Murenge wa Rugengabari batabonye ingurane y'ubutaka bwabo batanze bwo mu Kagari ka Nyanamo ngo bwubakweho inzu y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda 1994.

**Umwanzuro wa 18:**

- ✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yemeje ko Akarere ka Burera kagurisha imigabane kari gafite muri Burera dairy, ishingiye ku baruwa N° 197/07.04.04/00 yo kuwa 06/08/2019, Umuyobozi w'Akarere ka Burera yandikiye Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera asaba ko Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yakwemeza igurishwa ry'imigabane kari gafite muri BURERA DIARY

Ltd.

**Umwanzuro wa 19:**

- ✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yemeje ubusabe bwa Bwana KABENGERA Wellars bwo guhagarika inshingano z'Ubujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera kubera ko atagishoboye kuzuza inshingano z'Umujyanama nk'uhagarariye Urugaga Nyarwanda rw'abikorera (PSF) kuko yagiye kwiga muri Leta zunzu Ubumwe za Amerika.

**Umwanzuro wa 20:**

- ✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera isezereye burundu mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera Bwana BWENGE Désiré wari uhagarariye Umurenge wa Kivuye mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera kubera ko atakitabira imirimo y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera nk'uko Itegeko N$^0$ 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 17 agaka 7 ribivuga.

**Umwanzuro wa 21:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gusaba Bwana NSANZURWIMO Faustin usaba guhembwa ibirarane bya ba Nyakwigendera TWAGIRAYEZU Valens na HAKIZIMANA Melan ibyangombwa byemeza ko ariwe muzungura wa banyakwigendera kugira ngo izabishyingireho mukumuha igisubizo kigendeye ku mategeko.

**Umwanzuro wa 22:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gusubiza ibaruwa yo kuwa 30/05/2019, Umuyobozi w'Ishuri rya Oasis riherereye mu Murenge wa Butaro yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Burera bukanamufasha kubona icyangombwa cy'ubutaka yifuza kubakaho ishuri cyane cyane ko agaragaza ko yarangije gushyikiriza umukozi w'Akarere ufite ubutaka mu nshingano ibyangombwa byose yasabwe.

**Umwanzuro wa 23:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yose yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera igamije guca burundu umwanda mu Mirenge yose igize Akarere ka Burera aho bigaragara ko idashyirwa mu bikorwa abafite mu nshingano ishyirwa mu bikorwa ry'iyo myanzuro bagahabwa ibihano byo mu rwego rw'akazi

**Umwanzuro wa 24:**

- ✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gushyiraho gahunda ihamye yo gukangurira abaturage gahunda ya EJO HEZA kuko ifitiye abaturage akamaro, ariko ikaba itaramenyekana mu baturage kandi ari n'umuhigo w'Akarere.

| | |
|---|---|
| | **Umwanzuro wa 25:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gusuzuma ubusabe bwa Bwana NIYITANGA Sarthiel wo mu Murenge wa Rugarama usaba gusubizwa mu kazi ka DASSO yahozemo. |
| 3. Gusuzuma raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Burera igihembwe cya mbere 2019-2020 | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kugezwaho imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Burera igihembwe cya mbere 2019-2020, ku bwumvikane busesuye bemeje ko:<br><br>**Umwanzuro wa 26:**<br>✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yashimye aho ingengo y'imari y'Akarere ka Burera igeze ishyirwa mu bikorwa (12.7%), ariko isaba ko abashinzwe kuyishyira mu bikorwa bajya biha intego (target) buri gihembwe y'amafaranga agomba gukoreshwa. |
| 4. Ibinyuranye:<br>- Kwemeza irangira ry'igihe cy'igeragezwa (probation period) ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Burera | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo ku ibaruwa $N^0$ 4207/07.04.04/10 yo kuwa 24/06/2019, Umuyobozi w'Akarere ka Burera yandikiye Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera, asaba gukuraho icyemezo giha Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Burera igeragezwa ry'amezi atandatu; bamaze kandi no kungurana ibitekerezo ku ibaruwa ya Minisitiri w'abakozi ba Leta n'umurimo $N^0$ 1058/19.23 yo kuwa 25/04/2019 ivuga kuri "Clarification on probation employees recruited on job positions at Level 3II, 2.III, 2.IV", ku bwumvikane busesuye bemeje ko: |

| | |
|---|---|
| - Gusuzuma ibaruwa y'Umuyobozi w'Akarere ka Burera isaba kwemeza amafaranga yo guhemba Umugenzuzi w'igenga (External Independent Auditor ) kuri BCT | **Umwanzuro wa 27:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera yasesengura neza aya mabaruwa yose yavuzwe haruguru ikageza ku Nama Njyanama y'Akarere ka Burera bitarenze kuwa 15/10/2019 umurongo ngenderwaho kugira ngo hemezwe irangira ry'igeragezwa ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Burera Bwana IBINGIRA Frank.<br><br>Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo ku ibaruwa N° 535/07.04.04/00 yo kuwa 11/09/2019, Umuyobozi w'Akarere ka Burera yandikiye Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera amenyesha ko "External Independent Audit Company" izakora ubugenzuzi ku mutungo wa BCT Ltd yemejwe, ku bwumvikane busesuye bemeje ko: |
| - Ikibazo cy'ibirarane by'abahoze ari abarimu mu Karere ka Burera aho kigeze gikemurwa | **Umwanzuro wa 28**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere yategura inyandiko izashyingirwaho kugira ngo hafatwe umwanzuro ku mafaranga azahabwa umugenzuzi wigenga.<br><br>Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo no guhabwa amakuru aho ikibazo cy'ibirarane by'abahoze ari abarimu mu Karere ka Burera kigeze gikemurwa, ku bwumvikane busesuye bemeje ko: |

<table>
<tr>
<td>- Gahunda y’ikiruhuko cy’abagize Komite Nyobozi y’Akarere ka Burera</td>
<td>
Umwanzuro wa 29<br>
✓ Komite Nyobozi y’Akarere ka Burera yishyura ibirarane by’abarimu bujuje ibisabwa bitarenze Ukwakira 2019 igakomeza kandi gukangurira abandi batarabyuzuza kubishaka vuba kugira ngo ikibazo cyabo gikemuke.<br><br>
Umwanzuro wa 30<br>
✓ Inama Njyanama y’Akarere ka Burera yemeje ikiruhuko cy’abagize Komite Nyobozi y’Akarere ka Burera ku buryo bukurikira:
<table>
<tr><th>AMAZINA</th><th>ICYO ASHINZWE</th><th>AMATARIKI</th></tr>
<tr><td>UWAMBAJEMARIYA Florence</td><td>Mayor</td><td>02/10-01/11/2019</td></tr>
<tr><td>MUNYANEZA Joseph</td><td>V/M ED</td><td>05/12-04/01/2020</td></tr>
</table>
</td>
</tr>
</table>

Inama yasoje imirimo yayo saa kumi n’imwe n’igice (17h30)

**MUKARULINDA Victoire**

**Umwanditsi w’inama**

**NZABANITA Jean Claude**

**Umuyobozi w’inama**